

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/23 RYO KUWA
07/03/2011 RIGENA IMYITWARIRE MYIZA
Y'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO
N'ABABAZA

MINISTERIAL ORDER N° 20/23 OF
07/03/2011 DETERMINING THE CODE OF
PROFESSIONAL CONDUCT OF NURSES
AND MIDWIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 20/23 DU
07/03/2011 DETERMINANT LE CODE DE
CONDUITE PROFESSIONNELLE DES
INFIRMIERES, DES INFIRMIERS ET DES
SAGES-FEMMES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Aboritekarireba

Article 2: Scope of this Order

Article 2: Champ d'application

Ingingo ya 3: Inshingano z'akazi

Article 3: Professional responsibilities

Article 3: Responsabilités professionnelles

Ingingo ya 4: Kwirinda ivangura mu mwuga

Article 4: Non discriminative profession

Article 4: Non-discrimination dans la
profession

Ingingo ya 5: Imirimo y'ubuforomo n'ububanza

Article 5: Nursing and midwifery services

Article 5: Services infirmiers et obstétricaux

UMUTWE WA II: IMYITWARIRE IMBERE
Y'ABABAGANA

CHAPTER II: CONDUCT TOWARDS
PATIENTS

CHAPITRE II: COMPORTEMENT ENVERS
LES PATIENTS

Ingingo ya 6: Kubaha uburenganzira n'agaciro ka
muntu

Article 6: Respect for human rights and
values

Article 6: Respect des droits et valeurs
humains

Ingingo ya 7: Ubufatanye mu kubungabunga
ubuzima

Article 7: Collaboration in promoting health
activities

Article 7: Collaboration dans les activités
promotionnelles de la santé

<u>Ingingo ya 8:</u> Guhakana umurimo bishingiye ku kubura ububasha n'ubushobozi	<u>Article 8:</u> Refusal to act for lack of capacity and competence	<u>Article 8:</u> Refus d'agir par manque de capacité et de compétence
<u>Ingingo ya 9:</u> Gukora umurimo unozze no kwihugura	<u>Article 9:</u> Quality care and continuing professional development	<u>Article 9:</u> Qualité des soins et formation continue
<u>Ingingo ya 10:</u> Guhererekanya ububasha	<u>Article 10:</u> Delegation of powers	<u>Article 10:</u> Délégation des pouvoirs
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano yo kwita ku buzima bwe bwite	<u>Article 11:</u> Obligation to take care of his/her health	<u>Article 11:</u> Obligation de prendre soin de sa santé
<u>Ingingo ya 12:</u> Ubushishozi mu kazi	<u>Article 12:</u> Discretion on duty	<u>Article 12:</u> Précaution au travail
<u>Ingingo ya 13:</u> Gukoresha neza ubumenyi n'ikoranabuhanga	<u>Article 13:</u> Safe use of science and technology	<u>Article 13:</u> Bon usage de la science et de la technologie
<u>Ingingo ya 14:</u> Kudakora ibinyuranye n'umutimanama	<u>Article 14:</u> Activities contrary to moral and professional convictions	<u>Article 14:</u> Activités contraires aux convictions morales et professionnelles
<u>UMUTWE WA III:</u> IMYITWARIRE Y'UMUFOROMOKAZI, UMUFOROMO N'UMUBYAZA MU GUKORA UMWUGA	<u>CHAPTER III:</u> CONDUCT OF A NURSE AND A MIDWIFE IN PERFORMING HIS/HER DUTIES	<u>CHAPITRE III:</u> CONDUITE DE L'INFIRMIERE, INFIRMIER ET SAGE-FEMME DANS L'EXERCISE DE SES FONCTIONS
<u>Ingingo ya 15:</u> Kugendera ku mategeko	<u>Article 15:</u> Abide by laws and regulations	<u>Article 15:</u> Respect de la loi
<u>Ingingo ya 16:</u> Guhesha agaciro umwuga	<u>Article 16:</u> Maintain professional honor	<u>Article 16:</u> Respect de la profession
<u>Ingingo ya 17:</u> Uruhare mu ishyirwaho n'iyubahirizwa ry'amabwiriza agenga umwuga	<u>Article 17:</u> Participation in designing and implementation of professional regulations	<u>Article 17:</u> Participation à l'élaboration et la mise en pratique des normes professionnelles
<u>Ingingo ya 18:</u> Uruhare mu guteza imbere ubumenyi bw'umwuga	<u>Article 18:</u> Participation in developing professional skills	<u>Article 18:</u> Participation au développement des connaissances professionnelles

<u>Ingingo ya 19:</u> Uruhare mu migendekere myiza y'akazi	<u>Article 19:</u> Role in enhancing better working conditions	<u>Article 19:</u> Participation aux meilleures conditions de travail
<u>Ingingo ya 20:</u> Gucunga neza umutungo	<u>Article 20:</u> Safe management of resources	<u>Article 20:</u> Bonne gestion des ressources
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMIKORANIRE Y'UMUFOROMOKAZI, UMUFOROMO N'UMUBYAZA NA BAGENZI BE	<u>CHAPTER IV:</u> RELATIONS BETWEEN A NURSE, A MIDWIFE AND HIS/HER COLLEAGUES	<u>CHAPITRE IV:</u> RELATIONS ENTRE INFIRMIERE, INFIRMIER, SAGE-FEMME ET SES COLLEGUES
<u>Ingingo ya 21:</u> Ubufatanye n'abandi	<u>Article 21:</u> Interdisciplinary collaboration	<u>Article 21:</u> Collaboration interdisciplinaire
<u>Ingingo ya 22:</u> Ingamba zikwiye mu kurinda abantu	<u>Article 22:</u> Appropriate measures to protect people	<u>Article 22:</u> Mesures nécessaires pour protéger la population
<u>Ingingo ya 23:</u> Gusangira no kungurana ubumenyi	<u>Article 23:</u> Sharing and exchanging expertise	<u>Article 23 :</u> Partage et échange d'expertise
<u>Ingingo ya 24:</u> Kudahunga inshingano	<u>Article 24:</u> Non evasion of responsibilities	<u>Article 24:</u> Non fuite de responsabilité
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE V :</u> DISPOSITION FINALES
<u>Ingingo ya 25:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 25:</u> Repealing provision	<u>Article 25 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 26:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 26:</u> Commencement	<u>Article 26 :</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/23 RYO KUWA 07/03/2011 RIGENA IMYITWARIRE MYIZA Y'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO N'ABABYAZA

MINISTERIAL ORDER N° 20/23 OF 07/03/2011 DETERMINING THE CODE OF PROFESSIONAL CONDUCT OF NURSES AND MIDWIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 20/23 DU 07/03/2011 DETERMINANT LE CODE DE CONDUITE PROFESSIONNELLE DES INFIRMIERES, DES INFIRMIERS ET DES SAGES-FEMMES

Minisitiri w'Ubuzima

The Minister of Health

Le Ministre de la Santé

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121, n'iya 201

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June, 2003 as amended to date, especially in its Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 25/2008 ryo kuwa 25/07/2008 rishyiraho Inama Nkuru y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza rikanagena imiterere, imikorere n'ububasha byayo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 26;

Pursuant to the Law n° 25/2008 of 25/07/ 2008 establishing the National Council of Nurses and Midwives and determining its organization, functioning and competence, especially in its Article 26;

Vu la Loi n° 25/2008 du 25/07/2008 portant création, organisation, fonctionnement et compétence du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes, spécialement en son article 26;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/07/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 09/07/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09/07/2010 ;

ATEGETSE :

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka riteganya imyitwarire y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza mu Rwanda.

This Order establishes the professional Code of conduct for nurses and midwives in Rwanda.

Le présent arrêté détermine le code de conduite professionnelle des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes au Rwanda.

Ingingo ya 2: Abo iri teka rireba

Iri teka rireba abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza bose banditse muri rejisitiri y'Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza. Buri kigo umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubwaza akoramo kigomba gutunga igitabo cy'imyitwarire y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza.

Ingingo ya 3: Inshingano z'akazi

Inshingano y'ibanze y'umuforomokazi, umuforomo n'umubyaza ni iyo kubungabunga ubuzima bw'abakeneye kwitabwaho.

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza afite inshingano enye (4) z'ingenzi zikurikira:

- 1° guteza imbere ubuzima;
- 2° kurinda indwara;
- 3° kuzahura ubuzima;
- 4° koroshya ububabare.

Mu mwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza hakubiyemo kubaha uburenganzira bwa muntu, bukubiyemo uburenganzira bwo kubaho no kwihitiramo, bwo gukurikiza umuco, kubahwa no gufatwa neza kandi mu cyubahiro.

Ingingo ya 4: Kwirinda ivangura mu mwuga

Mu kubungabunga ubuzima, imirimo y'ubuforomo n'ububyaza ntawe iheza kubera imyaka, ibara

Article 2: Scope of this Order

This Order concerns nurses and midwives registered with the National Council of Nurses and Midwives. Every institution employing a nurse and/or a midwife shall keep a copy of the Code of conduct of nurses and midwives.

Article 3: Professional responsibilities

The primary professional responsibility of a nurse or a midwife shall be to preserve health for those people requiring nursing care.

A nurse or midwife shall have the following four (4) main responsibilities:

- 1° to promote health;
- 2° to prevent illness;
- 3° to restore health;
- 4° to alleviate suffering.

Respect for human rights, particularly the right to life, to free choice, dignity and human treatment as well as cultural rights shall be an integral part of professional conduct of nurses and midwives.

Article 4: Non discriminative profession

Nursing and midwifery services shall not be

Article 2: Champ d'application

Le présent arrêté s'applique aux infirmières, infirmiers et sages-femmes inscrits dans le registre du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes. Chaque institution qui emploie une infirmière, un infirmier et/ou sage-femme doit avoir une copie du Code de conduite professionnelle des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes.

Article 3: Responsabilités professionnelles

La responsabilité primordiale de l'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme consiste à donner des soins infirmiers aux personnes qui en ont besoin.

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme a quatre (4) responsabilités essentielles:

- 1° promouvoir la santé ;
- 2° prévenir la maladie ;
- 3° restaurer la santé;
- 4° soulager la souffrance.

Le respect des droits de l'homme, en particulier le droit à la vie, au libre choix, à la dignité et à un traitement humain, ainsi que les droits culturels font partie intégrante de la conduite professionnelle des infirmières, infirmier et sages-femmes.

Article 4: Non-discrimination dans la profession

Les soins infirmiers et obstétricaux ne sont pas

ry'uru, ukwemera, umuco, ubumuga cyangwa uburwayi, igitsina, ubwenegihugu, politiki, inkomoko cyangwa urwego rw'imibereho n'indi mpamvu yose umuntu yaba afite by'umwihariko.

influenced by any consideration of age, color, creed, culture, disability or illness, gender, nationality, politics, region, social status or any other personal characteristic.

influencés par aucune considération d'âge, de couleur, de croyance, de culture, d'invalidité ou de maladie, de sexe, de nationalité, de politique, de race, de statut social ou autre particularité individuelle.

Ingingo ya 5: Imirimo y'umuforomokazi, umuforomo n'umubyaza

Mu mirimo y'ubuvuzi, umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza bita ku muntu ubwe, umuryango n'abaturage rusange, kandi bagahuza iyo mirimo n'iy'abandi bahuje inshingano.

Article 5: Nursing and midwifery services

A nurse or midwife shall render health services to the individual, the family and the community and co-ordinates his/her services with those of other groups of similar responsibilities.

Article 5: Services infirmiers et obstétricaux

L'infirmière, l'infirmier ou la sage femme fournit des services de santé à l'individu, à la famille et à la communauté et coordonne cette activité avec celles d'autres groupes ayant des responsabilités similaires.

UMUTWE WA II: IMYITWARIRE IMBERE Y'ABABAGANA

CHAPTER II: CONDUCT TOWARDS PATIENTS

CHAPITRE II: COMPORTEMENT ENVERS LES PATIENTS

Ingingo ya 6: Kubaha uburenganzira n'agaciro ka muntu

Bitabangamiye ingingo z'amategeko zihariye ziteganywa uburenganzira bw'umurwayi mu Rwanda, umuforomokazi, umuforomo n'umubyaza bagomba kubahiriza ibi bikurikira:

Article 6: Respect for human rights and values

Without prejudice to provisions of particular laws that specify the rights of a patient in Rwanda, a nurse and midwife shall:

Article 6: Respect des droits et valeurs humains

Sans préjudice aux dispositions des lois particulières spécifiant les droits du patient au Rwanda, l'infirmière, l'infirmier et la sage femme doivent:

1° gukora imirimo ye aharanira uburyo uburenganzira bwa muntu, agaciro ka muntu, umuco, n'ukwemera kwa muntu, ukw'umuryango n'ukw'abantu rusange byakubahirizwa;

1° promote the respect of human rights, human dignity, culture and spiritual beliefs of the individual, family and community;

1° promouvoir le respect des droits humains, la dignité humaine, les coutumes et les croyances spirituelles de l'individu, de la famille et de la communauté;

2° kwiyezeza guharanira ko umuntu ahawe amakuru ahagije mu nyandiko yashingiraho kugirango yiyemerere uburyo yakwitabwaho

2° ensure that the individual receives written and sufficient information on which to base his or her consent for care

2° veiller à ce que l'individu reçoive des informations écrites et suffisantes pour donner son consentement, en pleine

n'ibindi bijyanye no kuvurwa;

and related treatment;

connaissance de cause, en ce qui concerne les soins et le traitement à recevoir ;

3° kubika mu ibanga amakuru afite ku muntu kandi agakoresha umutimanama n'ubushishozi mukuyahererekanya n'abo basangiye umwuga.

3° keep confidential any information related to an individual and shall share this information with colleagues advisedly.

3° respecter le caractère confidentiel des informations qu'il possède et ne les communique à ses collègues qu'à bon escient.

Ingingo ya 7: Ubufatanye mu kubungabunga ubuzima

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza yifatanya na rubanda mu kugira uruhare rwo gutangiza no gushyigikira ibikorwa bituma abantu bagira ubuzima n'imibereho myiza, hitabwa cyane cyane ku bafite intege nke.

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza anafatanya n'abandi bantu mu kubungabunga ibidukikije kugirango byoye gucika, guhumanywa, kononwa no kwangizwa.

Ingingo ya 8: Guhakana umurimo bishingiye ku kubura ububasha n'ubushobozi

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza ategetswe guhakanira umuntu wese wamusaba amabwiriza yo gukora akazi asanga katari mu bubasha bwe cyangwa adafitiye ubumenyi buhagije. Cyakora, muri icyo gihe, abimenyesha umukuriye cyangwa uwamuhaye ayo amabwiriza.

Article 7: Collaboration in promoting health activities

A nurse or midwife shall collaborate with members of the community in initiating and supporting actions to meet the health and social needs, in particular those of vulnerable populations.

The nurse or midwife shall also collaborate with others in conserving the environment in order to protect it from depletion, pollution, degradation and destruction.

Article 8: Refusal to act for lack of capacity and competence

A nurse or midwife is required to reject any instructions to perform any activity that is outside his/her scope of competence or one for which he/she lacks sufficient knowledge. However, in that case, he/she shall inform his/her supervisor or the person who gave him/her such instructions.

Article 7: Collaboration dans les activités promotionnelles de la santé

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme collabore avec les membres de la communauté dans le lancement et le soutien d'initiatives permettant de satisfaire les besoins sanitaires et sociaux, en particulier ceux des populations vulnérables.

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme doit également collaborer avec les autres dans la conservation de l'environnement afin de le protéger contre l'épuisement des ressources, la pollution, la dégradation et la destruction.

Article 8: Refus d'agir par manque de capacité et de compétence

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme doit refuser d'agir lorsqu'il s'agit de toute action dépassant sa capacité et sa compétence. Par contre, il communique sa décision à son responsable ou à la personne qui lui aurait demandé d'agir.

Ingingo ya 9: Gukora umurimo unoze no kwihugura

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza afite inshingano zo kuzuza ibyo ashinzwe mu kazi. Ashinzwe kugaragariza rubanda ko akomeza gukoresha ubumenyi n'ubuhanga akanahora yihugura mu bigezweho.

Article 9: Quality care and continuing professional development

A nurse or a midwife shall be obliged to fulfill his/her duties. He/she shall regularly demonstrate his/her continual use of technical knowhow and knowledge and always train in modern techniques.

Article 9: Qualité des soins et formation continue

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme assume sa responsabilité dans l'exercice de ses fonctions. Elle doit régulièrement démontrer son savoir-faire et connaissances techniques et développer ses connaissances professionnelles par une formation continue en techniques de pointe.

Ingingo ya 10: Guhererekanya ububasha

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza akoresha ubushishozi ashingiye ku buhanga bwe ndetse n'ubwa mugenzi we mu gihe yemera guhererekanya ububasha.

Article 10: Delegation of powers

A nurse or midwife shall use his/her discretion on the basis of his/her capacity as well as the capacity of a colleague when delegating powers.

Article 10: Délégation des pouvoirs

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme évalue avec un esprit critique sa propre compétence et celle de ses collègues lorsqu'il délègue des pouvoirs.

Ingingo ya 11: Inshingano yo kwita ku buzima bwe bwite

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza agira ihame ryo gufata neza ubuzima bwe kugirango imirimo ye yo kwita ku buzima hatagira ikiyihungabanya.

Article 11: Obligation to care of his/her health

A nurse or a midwife shall be obliged to take care of his/her personal health so that his/her responsibility of providing care is not compromised.

Article 11: Obligation de prendre soin de sa santé

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme est obligé de prendre soin de sa santé pour que sa capacité à dispenser des soins ne soit pas compromise.

Ingingo ya 12: Ubushishozi mu kazi

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza agomba kwitwararika ko ntagikorwa cyakozwe cyangwa kibagiranye bimuturutseho, kikaba cyakwangiza ubuzima.

Article 12: Discretion on duty

A nurse or a midwife shall ensure that no action or omission on his/her part that may be harmful to health.

Article 12: Précaution au travail

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme doit veiller à ce qu'aucune action ou omission de sa part ne nuise à la santé.

Ingingo ya 13: Gukoresha neza ubumenyi n'ikoranabuhanga

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza agomba kugenzura ko ubumenyi n'ikoranabuhanga mu kazi ke bijyanye no kubahiriza umutekano, icyubahiro n'uburenganzira bw'abantu.

Ingingo ya 14: Kudakora Ibinyuranye n'umutimanama

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza afite uburenganzira bwo kwanga kugira uruhare mu mirimo inyuranyije n'umutimanama we. Cyakora ubwo burenganzira ntibugomba kurengera inshingano ze ku barwayi n'abamugana.

UMUTWE WA III: IMYITWARIRE Y'UMUFOROMOKAZI, UMUFOROMO CYANGWA UMUBYAZA MU GUKORA UMWUGA

Ingingo ya 15: Kugendera ku mategeko

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza agomba kugendera ku mategeko n'amabwiriza y'igihugu, by'umwihariko ayajyanye n'umurimo we.

Ingingo ya 16: Guhesha agaciro umwuga

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza agaragaza igihe cyose imyitwarire myiza ihesha agaciro umwuga we ikanatuma abantu barushaho

Article 13: Safe use of science and technology

A nurse or midwife shall ensure that use of science and technology on duty is compatible with the safety, dignity and people's rights.

Article 14: Activities contrary to moral and professional convictions

A nurse or a midwife shall have the right to refuse to participate in activities contrary to his/her personal moral and professional convictions. However, such rights shall not contravene his/her responsibilities towards patients and those who require his/her services.

CHAPTER III: CONDUCT OF A NURSE OR A MIDWIFE IN PERFORMING HIS/HER DUTIES

Article 15: Abide by laws and regulations

A nurse or a midwife shall abide by the laws and regulations of the country, in particular those relevant to her/his profession.

Article 16: Maintain professional honor

A nurse or a midwife shall demonstrate at all times a personal conduct that honors the profession and enhance public confidence in

Article 13: Bon usage de la science et de la technologie

Lorsqu'il dispense des soins, l'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme s'assure que le recours aux technologies et aux pratiques scientifiques les plus récentes est compatible avec la sécurité, la dignité et les droits des personnes.

Article 14: Activités contraires aux convictions morales et professionnelles

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme a le droit de refuser de participer aux activités qui sont contraires à ses convictions morales et à sa conscience professionnelle. Cependant, ce droit ne doit pas enfreindre ses responsabilités vis-à-vis du malade et de ceux qui requièrent ses services.

CHAPITRE III: CONDUITE DE L'INFIRMIERE, INFIRMIER ET SAGE-FEMME DANS L'EXERCISE DE SES FONCTIONS

Article 15: Respect de la loi

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme doit se conformer aux lois et règlements du pays, particulièrement en rapport avec sa profession.

Article 16: Respect de la profession

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme fait preuve en tout temps d'une conduite personnelle qui honore sa profession et renforce la confiance

kugirira icyizere abawukora.

nursing and midwifery staff.

du public dans le personnel infirmier et obstétrical.

Ingingo ya 17: Uruhare mu ishyirwaho n'iyubahirizwa ry'amabwiriza agenga umwuga

Article 17: Participation in designing and implementation of professional regulations

Article 17: Participation à la conception et la mise en pratique des normes professionnelles

Umuforomokazi, umuforomokazi cyangwa umubyaza agira uruhare mu kugena no gushyira mu bikorwa amahame ngenderwaho mu mirimo y'ubuforomo, y'ububuyaza, iy'ubuyobozi, ubushakashatsi n'uburezi mu bijyanye n'ibikorwa by'umwuga cyangwa inshingano z'umuforomokazi, umuforomo n'umubyaza.

A nurse or a midwife shall participate in designing and implementing guiding principles of nursing, midwifery, management, research and education in matters regarding professional practice or duties of a nurse and a midwife.

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme participe à l'élaboration et la mise en application des principes directeurs des soins infirmiers, obstétricaux, de la gestion, de la recherche et l'enseignement en matière de la pratique professionnelle et responsabilités des infirmières, infirmiers et sages-femmes.

Ingingo ya 18: Uruhare mu guteza imbere ubumenyi bw'umwuga

Article 18: Participation in developing professional skills

Article 18: Participation au développement des connaissances professionnelles

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza ashishikarira gushyiraho no kuzamura ubumenyi bushingiye ku musingi w'ubushakashatsi.

A nurse or midwife shall be active in developing a core of research-based professional skills.

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme contribue activement à développer un ensemble de connaissances professionnelles fondé sur la recherche.

Ingingo ya 19: Uruhare mu migendekere myiza y'akazi

Article 19: Role in enhancing better working conditions

Article 19: Participation aux meilleures conditions de travail

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza abinyujije mu rugaga cyangwa ishyirahamwe ry'umwuga abarizwamo, agira uruhare mu gushyiraho no mu kubahiriza uburyo akazi k'ubuforomo n'ububuyaza kakorwa mu buryo bunoze kandi bureshya kuri bose.

A nurse or a midwife, acting through professional federation or association in which he/she is a member, shall participate in creating and maintaining safe, equitable social and economic working conditions in nursing or midwifery practice respectively.

Par l'intermédiaire du corps ou organisation professionnel auquel il appartient, l'infirmière, l'infirmier et la sage-femme participe dans le domaine de soins infirmiers et obstétricaux, à la création et au maintien des conditions d'emploi et de travail équitables et sûres.

Ingingo ya 20: Gucunga neza umutungo

Article 20: Safe management of resources

Article 20: Bonne gestion des ressources

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza

A nurse or a midwife shall safely manage and

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme doit

agomba gucunga neza no kubungabunga ibyo ashinzwe kimwe n'umutungo rusange wa rubanda.

UMUTWE WA IV: IMIKORANIRE Y'UMUFOROMOKAZI, UMUFOROMO CYANGWA UMUBYAZA NA BAGENZI BE

Ingingo ya 21: Ubufatanye n'abandi

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza aharanira gufatanya n'abo bahuje umwuga n'abandi bakorana.

Ingingo ya 22: Ingamba zikwiye mu kurinda abantu

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza afata ingamba zikwiye kugira ngo arinde ubuzima bw'umuntu, umuryango na rubanda igihe buba bugiye guhungabanywa n'undi muforomo cyangwa umubyaza cyangwa undi uwo ari we wese.

Ingingo ya 23: Gusangira no kungurana ubumenyi

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza, asangira n'abagenzi be ubumenyi n'ubunararibonye afite mu kazi kandi akungurana nabo ibitekerezo ku bibazo binyuranye bibonetse mu murimo basangiye.

Ingingo ya 24: Gudahunga inshingano

Umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza yirinda gutererana bagenzi be no kubegakaho imirimo agamije guhunga inshingano afite.

maintain assets under his/her control as well as public resources.

CHAPTER IV: RELATIONS BETWEEN A NURSE, A MIDWIFE AND COLLEAGUES

Article 21: Interdisciplinary Collaboration

A nurse or a midwife shall sustain a co-operative relationship with professional colleagues and co workers.

Article 22: Appropriate measures to protect people

A nurse or a midwife shall take appropriate measures in order to preserve the health of an individual, families and the public when endangered by a colleague or any other person.

Article 23: Sharing and exchanging expertise

A nurse or a midwife shall share expertise and knowledge with colleagues and exchange views on various professional issues that may arise in their profession.

Article 24: Non evasion of responsibilities

A nurse or a midwife shall avoid to relinquish his/her duties and to overburden his/her colleagues in order to evade responsibilities.

bien gérer et maintenir les biens misent à sa disposition ainsi que les ressources publiques.

CHAPITRE IV: RELATIONS ENTRE INFIRMIERE, INFIRMIER, SAGE-FEMME ET SES COLLEGUES

Article 21: Collaboration interdisciplinaire

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme coopère étroitement avec tous ceux avec qui il travaille.

Article 22: Mesures nécessaires pour protéger la population

L'infirmière, l'infirmier ou la sage femme prend toute mesure nécessaire pour protéger les personnes, familles et communautés lorsque leur santé peut être mise en danger par un collègue ou une autre personne.

Article 23 : Partage et échange d'expertise

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme partage et échange avec ses collègues ses connaissances et son expertise professionnelles et cherche avec eux des solutions aux différents problèmes qui se posent dans leur travail.

Article 24: Non fuite de responsabilité

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme se garde de délaisser ses collègues au travail ni les surcharger dans le but de fuir ses responsabilités.

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanweho.

Ingingo ya 26: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 07/03/2011

(sé)

Dr. SEZIBERA Richard
Minisitiri w'Ubuzima

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

Article 25: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 26: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 07/03/2011

(sé)

Dr. SEZIBERA Richard
Minister of Health

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES

Article 25 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 26 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 07/03/2011

(sé)

Dr. SEZIBERA Richard
Ministre de la Santé

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

AMABWIRIZA RUSANGE N° 07/2011 YEREKEYE IBIPIMO NTARENGWA BY'UMUTUNGO BWITE MU MADOVIZE	REGULATION N° 07/2011 ON FOREIGN EXCHANGE EXPOSURE LIMITS	REGLEMENT N° 07/2011 RELATIF A LA POSITION NETTE DE CHANGE
<u>UMUTWE WA MBERE</u> : INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER 1</u> : GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE 1</u> : DISPOSITIONS GENERALES
<u>Ingingo ya mbere</u> : icyo aya mabwiriza agamije	<u>Article one</u> : Purpose	<u>Article premier</u> : Objet
<u>Ingingo ya 2</u> : Ibisobanuro	<u>Article 2</u> : Terminology	<u>Article 2</u> : Terminologie
<u>UMUTWE WA II</u> : AMABWIRIZA YEREKEYE IBIPIMO NGENDERWAHO	<u>CHAPTER II</u> : PRUDENTIAL RULES	<u>CHAPITRE II</u> : REGLES PRUDENTIELLES
<u>Ingingo ya 3</u> : Ibipimo ntarengwa byerekeye umutungo nyawo mu madovize	<u>Article 3</u> : Limit on Foreign Exchange Open Position	<u>Article 3</u> : Limite de la position nette de change
<u>Ingingo ya 4</u> : Kubuzwa kugirana amasezerano n'abantu bafitanye isano na banki	<u>Article 4</u> : Prohibited to make any transactions with a bank's related parties	<u>Article 4</u> : Interdiction d'effectuer des transactions avec des personnes apparentées à la banque
<u>Ingingo ya 5</u> : Igipimo ntarengwa cy'umutungo ushingiye kw'ifaranga rimwe ry'amahanga	<u>Article 5</u> : Limit on single currency foreign exchange risk exposure	<u>Article 5</u> : Limite de la position nette de change dans une seule monnaie
<u>Ingingo ya 6</u> : Igipimo ntarengwa cya buri muni ku mutungo mu madovize	<u>Article 6</u> : Limit on intra- day foreign exchange risk exposure	<u>Article 6</u> : Limite des positions nettes de change intra-journalier
<u>Ingingo ya 7</u> : Uburyo bwo kubara	<u>Article 7</u> : Methodology of calculation	<u>Article 7</u> : Méthodologie de calcul
<u>Ingingo ya 8</u> : Ikosorwa mu gihe igipimo ntarengwa cyarenze	<u>Article 8</u> : Correction of excess foreign risk exposure	<u>Article 8</u> : Correction dans le dépassement des limites
<u>Ingingo ya 9</u> : Gufata neza inyandiko	<u>Article 9</u> : Maintenance of supporting documentation	<u>Article 9</u> : Maintenance des documents

<u>Ingingingo ya 10:</u> Kubara umutungo mu Madovize Bwite Abitse mu bwoko bumwe bw’Ifaranga ry’amahanga	<u>Article 10:</u> Calculation of Exposure on Net Open Position in a Single Currency	<u>Article 10:</u> Calcul du niveau d’engagement sur position nette de change dans une monnaie unique
<u>Ingingo ya 11:</u> Kubara ibipimo ntarengwa ku mutungo mu madovize yose muri rusange:	<u>Article 11:</u> Calculations of Overall Foreign Exchange Risk Exposure	<u>Article 11:</u> Calculs du niveau global de la position nette de change
<u>Ingingo ya 12:</u> Gutanga raporo	<u>Article 12:</u> Reporting requirements	<u>Article 12 :</u> Rapports
<u>UMUTWE WA II:</u> INGAMBA ZIKOSORA, IBIHANO N’INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER III:</u> REMEDIAL MEASURES, SANCTIONS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE II :</u> MESURES CORRECTIVES, SANCTIONS ET DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 13:</u> Ingamba zikosora n’ibihano byo mu rwego rw’ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Remedial measures and Administrative sanctions	<u>Article 13 :</u> Mesures correctives et sanctions administratives
<u>Ingingo ya 14:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranije n’aya amabwiriza	<u>Article 14:</u> Repealing of inconsistent provisions	<u>Article 14 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 15:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	<u>Article 15:</u> Commencement	<u>Article 15 :</u> Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA RUSANGE N° 07/2011
YEREKEYE IBIPIMO NTARENGWA
BY'UMUTUNGO BWITE MU MADOVIZE**

**REGULATION N° 07/2011 ON FOREIGN
EXCHANGE EXPOSURE LIMITS**

**REGLEMENT N° 07/2011 RELATIF A LA
POSITION NETTE DE CHANGE**

